RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'Amakuru y'Imikino yaranze icyumweru

**2022** Taliki 26 Nyakanga-02 Kanama




P1. Birmingham 2022: Ikipe y'u Rwanda muri Beach Volleyball yabonye itike ya ¼

# Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Birmingham 2022:** Ikipe y'u Rwanda muri Beach Volleyball yabonye itike ya ¼

P2 **Birmingham 2022:** Indi mikino u Rwanda ruhagarariwemo

P3 **Basketball:** Habaye imikino ya shampiyona y'icyiciro cya mbere

P4 **Handball:** Abakinnyi bazaserukira u Rwanda mu mikino y'Afurika batangiye imyiteguro

P5 **ARPST:** Imikino ya shampiyona y'Abakozi yarakomeje

# 1 **Birmingham 2022:** Ikipe y'u Rwanda muri Beach Volleyball yabonye itike ya ¼

Kuva taliki 28 Nyakanga 2022 mu mujyi wa Birmingham mu Bwongereza harimo kubera mikino ihuza ibihugu byibumbiye mu muryango w'ibihugu bikoresha ururimi rw'Icyongereza "Commonwealth Games 2022".

Ikipe yaserukiye u Rwanda muri Volleyball ikinirwa ku mucanga "Beach Volleyball" igizwe na Ntagengwa Olivier na Gatsinzi Vénuste yitwaye neza ibona itike yo gukomeza muri ¼ cy'irangiza.

Iyi kipe iri mu itsinda B hamwe na Australia (Paul Burnett na Christopher "Chris" McHugh), Afurika y'Epfo (Leo Williams na Grant Goldschmidt) na Maldives (Sajid Ismail na Adam Naseem).



*Ikipe y'u Rwanda mu mukino wa Beach Volleyball ubwo yatsindaga Maldives amaseti 2-1*

Umukino wa mbere wabaye taliki 30 Nyakanga 2022, ikipe y'u Rwanda yatsinze Afurika y'Epfo amaseti 2-0 (21-19 na 21-16).

Umukino wa kabiri wabaye kuri uyu wa mbere taliki 01 Kanama 2022, ikipe y'u Rwanda yatsinze Maldives amaseti 2-1 (21-16, 14-21 na 16-14).

Gutsinda uyu mukino byatumye ikipe y'u Rwanda ikatisha itike ya ¼ cy'irangiza kuko ubu iri ku mwanya wa kabiri inyuma ya Australia iyoboye itsinda, zose zikaba zimaze gutsinda imikino ibiri.

Ku wa Gatatu taliki 03 Kanama 2022 ni bwo hazaba umukino wa nyuma mu itsinda B aho ikipe y'u Rwanda igomba gukina na Australia.

Ikipe izatsinda umukino ni yo izazamuka iyoboye iri tsinda.

Muri iki cyiciro hitabiriye amakipe 12 ashyirwa mu matsinda 3, amakipe 2 muri buri tsinda (4) kongeraho amakipe 2 yabaye aya 3 yitwaye neza azakomeza muri ¼ cy'irangiza.

**Mu mukino wo Koga, abakinnyi b'u Rwanda baviriyemo mu majonjora**

Mu mukino wo Koga "Swimming", u Rwanda rwaserukiwe n'abakinnyi babiri mu bagabo ari bo Maniraguha Eloi na Irankunda Isihaka. Aba bakinnyi bombi baviriyemo mu majonjora.


Taliki 29 Nyakanga 2022, Irankunda Isihaka yahatanye muri metero 50 muri "Butterfly" mu majonjora y'ibanze maze akoresha amasegonda 26 n'ibice 84 akaba yarasoreje ku mwanya wa 46 mu bakinnyi 54 bahatanye. Ubusanzwe muri iki cyiciro mu mikino mpuzamahanga iheruka Irankunda yakoresheje amasegonda 27 n'ibice 07.

Umukinnyi Irankunda Isihaka kandi taliki 01 Kanama 2022 yahatanye muri metero 100 muri "Butterfly" mu majonjora y'ibanze asoreza ku mwanya wa 44 mu bakinnyi 47 aho yakoresheje umunota 1 n'ibice 95.

Muri iki cyiciro yabaganyije ibihe kuko yari asanzwe akoresha umunota 1, amasegonda 2 n'ibice 25.

Ku ruhande rw'umukinnyi Maniraguha Eloi, taliki 31 Nyakanga 2022, yahatanye muri metero 100 muri "Freestyle" mu majonjora y'ibanze maze asoreza ku mwanya 63 mu bakinnyi 69 aho yakoresheje amasegonda 57 n'ibice 79.

Taliki 02 Kanama 2022, Maniraguha Eloi yahatanye muri metero 50 muri "Freestyle" mu majonjora y'ibanze yasoreje ku mwanya wa 54 mu bakinnyi 71 aho yakoresheje amasegonda 25 n'ibice 15. Muri iki cyiciro, Maniraguha Eloi ubwo yaherukaga kurushanwa yakoresheje amasegonda 25 n'ibice 26.


*Maniraguha Eloi (ibumoso) na Irankunda Isihaka (iburyo)*

# **Birmingham 2022:** Indi mikino u Rwanda ruhagarariwemo

Mu cyiciro cy'imikino ngororamubiri, taliki 03 Kanama 2022 Iranzi Celine arasiganwa muri metero ibihumbi 10. Taliki 05 Kanama 2022, Uwitonze Claire azahatana muri metero 1500 mu majonjora nabasha kwitwara neza ahatane mu cyiciro cya nyuma taliki 07 Kanama 2022.

Nimubona Yves mu gusiganwa metero ibihumbi 5 mu bagabo azahatana taliki 06 Kanama 2022 naho taliki 07 Kanama 2022, Imanizabayo Emeline azahatane muri metero ibihumbi 5.

Mu mukino wo gusiganwa ku magare « Cycling » u Rwanda rwaserukiwe n'abakinnyi 8 barimo 5 mu cyiciro cy'abagabo ari bo Uhiriwe Byiza Renus, Muhoza Eric, Mugisha Samuel, Manizabayo Eric na Mugisha Moise. Hari kandi abakinnyi 3 mu bagore ari bo Mukashema Josiane, Ingabire Diane na Tuyishimire Jacqueline.

Taliki 04 Kanama 2022, mu bagore hazakinwa icyiciro cyo gusiganwa n'isaha hakabarwa ibihe byakoreshejwe nk'ikipe «Team Time Trial » aho abazasiganwa bazakora intera ya kilometero 29. Ikipe y'u Rwanda izaba igizwe na Mukashema Josiane, Ingabire Diane na Tuyishimire Jacqueline.

Ikipe y'u Rwanda mu bagabo na yo izasiganwa n'isaha habarwe ibihe byakoreshejwe « Team Time Trial » aho bazakora intera ya kilometero 37. Ikipe y'u Rwanda izaba igizwe na Mugisha Moise, Mugisha Samuel na Uhiriwe Byiza Renus.

Taliki 07 Kanama 2022 hazaba isiganwa ryo mu muhanda « Road Race » mu bagore bazasiganwa intera ya kilometero 112. Abakinnyi b'ikipe y'u Rwanda bazasiganwa ni Mukashema Josianne, Ingabire Diane na Tuyishimire Jacqueline.

Mu bagabo naho hazakinwa isiganwa ryo mu muhanda "Road Race" aho bazasiganwa intera ya kilometero 160. Abakinnyi b'ikipe y'u Rwanda bazahatana ni Mugisha Moise, Mugisha Samuel, Uhiriwe Byiza Renus, Muhoza Eric na Manizabayo Eric.






3

# **Basketball:** Habaye imikino ya shampiyona y'icyiciro cya mbere

Mu mpera z'icyumweru gishize taliki 29 kugeza 31 Nyakanga 2022 habaye imikino ya shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo ndetse no mu bagore.

**Uko imikino yagenze**

**Mu bagabo**

**Taliki 29-07-2022**
- IPRC Kigali 80-59 Tigers BBC
- UGB 59-83 Patriots BBC

**Taliki 30-07-2022**
- UR Huye 47-93 Patriots BBC
- IPRC Musanze 107-53 UR CMHS
- Espoir BBC 80-69 IPRC Huye
- Tigers BBC 60-90 APR BBC

**Taliki 31-07-2022**
- IPRC Huye 54-77 UGB
- UR CMHS 56-83 UR Huye
- Shoot for the Stars 51-74 APR BBC

**Mu bagore**

**Taliki 30-07-2022**
- REG BBC 73-62 IPRC Huye



REG BBC ikina na IPRC Huye mu cyiciro cy'abagore

RWANDA BASKETBALL LEAGUE

**RWANDA BASKETBALL LEAGUE MEN**

ROUND 2 RANKING 31/07/2022

| RANK | TEAM | PG | W | L | F | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | REG BBC | 22 | 21 | 1 | 0 | 43 | 2001 | 1266 | 735 |
| 2 | APR BBC | 22 | 19 | 3 | 0 | 41 | 1852 | 1217 | 635 |
| 3 | PATRIOTS BC | 21 | 19 | 2 | 0 | 40 | 1802 | 1128 | 674 |
| 4 | ESPOIR BBC | 23 | 14 | 9 | 0 | 37 | 1633 | 1539 | 94 |
| 5 | UGB | 23 | 13 | 10 | 0 | 36 | 1685 | 1348 | 337 |
| 6 | TIGERS BBC | 22 | 13 | 9 | 0 | 35 | 1601 | 1464 | 137 |
| 7 | RP-IPRC KIGALI | 22 | 13 | 8 | 1 | 34 | 1523 | 1351 | 172 |
| 8 | SHOOT 4 STARS | 23 | 11 | 12 | 0 | 34 | 1643 | 1577 | 66 |
| 9 | RP-IPRC HUYE | 20 | 10 | 10 | 0 | 30 | 1485 | 1200 | 285 |
| 10 | RP-IPRC MUSANZE | 23 | 6 | 17 | 0 | 29 | 1314 | 1768 | -454 |
| 11 | UR HUYE | 23 | 2 | 21 | 0 | 25 | 1207 | 2019 | -812 |
| 12 | RUSIZI BBC | 21 | 3 | 18 | 0 | 24 | 1159 | 1653 | -494 |
| 13 | UR CMHS | 23 | 0 | 23 | 0 | 23 | 1001 | 2385 | -1384 |

*PG: Played Games W: Win L: Loss - F: Forfeit PTS: Points GD: Goal Difference*

#RBL

RWANDA BASKETBALL LEAGUE

**RWANDA BASKETBALL LEAGUE WOMEN**

ROUND 2 RANKING 31/07/2022

| RANK | TEAM | PG | W | L | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | APR BBC | 11 | 10 | 1 | 21 | 1044 | 414 | 630 |
| 2 | REG BBC | 10 | 10 | 0 | 20 | 1024 | 388 | 636 |
| 3 | RP-IPRC HUYE | 11 | 7 | 4 | 18 | 881 | 545 | 336 |
| 4 | THE HOOPS RWA | 10 | 6 | 4 | 16 | 638 | 430 | 208 |
| 5 | GS MARIE REINE | 12 | 4 | 8 | 16 | 635 | 754 | -119 |
| 6 | UR CMHS | 12 | 1 | 11 | 13 | 326 | 1129 | -803 |
| 7 | UR HUYE | 12 | 1 | 11 | 13 | 391 | 1279 | -888 |

*PG: Played Games W: Win L: Loss PTS: Points GD: Goal Difference*

#RBL

# 4 **Handball:** Abakinnyi bazaserukira u Rwanda mu mikino y'Afurika batangiye imyiteguro

Ku wa Kabiri taliki 26 Nyakanga 2022 ni bwo Ishyirahamwe ry'umukino wa Handball mu Rwanda "FERWAHAND" ryatangaje urutonde rw'abakinnyi batarengeje imyaka 20 n'abatarengeje 18 batangiye umwiherero mu rwego rwo kwitegura imikino y'Afurika izabera mu Rwanda muri BK Arena kuva taliki 20 Kanama kugeza 06 Nzeri 2022.

Aya makipe yombi arimo gukorera imyitozo muri Kaminuza y'u Rwanda, ishami rya Huye "UR Huye".

**Urutonde rw'ikipe y'abatarengeje imyaka 20**

Abakinnyi 21 batangiye umwiherero ni Uwayezu Arsene (ADEGI), Nsabimana Dominque (Gicumbi HBT), Munezero Nathan (TVET Mutenderi), Iradukunda Alain (UR Huye), Rugwiro Ivan Patrick (ES Kigoma), Nshimyumukiza Donath (ADEGI), Kubwimana Emmanuel (ES Kigoma), Hakizimana Dieudonne (Gicumbi HBT), Mugabo Samuel (APR HBC), Iragena Emmanuel (Gicumbi HBT), Hakizimana Thierry (UR Huye), Iradukunda Fabrice (Munyove HC), Yesurakiza Ernest (GS Rugarama), Nshimyumuremyi Fred (ES Kigoma), Nsangayezu Maurice (APR HC), Urimubandi Jean Baptiste (UR Nyarugenge), Hirwa Mutesa Ruben (ES Kigoma), Byiringiro Jean D'amour (Vision JN), Manishimwe Gustave (E SC Musanze), Niyomufasha Imran (ES Kigoma ) na Ndayisaba Etienne (Gicumbi HBT).

Umutoza mukuru ni **Ntabanganyimana Antoine** yungirijwe na **Mudaharishema Sylvestre** naho umutoza w'abanyezamu ni **Unjiima Alberto**.

Imikino y'Afurika mu batarengeje imyaka 20 igiye kuba ku nshuro ya 29 "U-20 African Men's Handball Championship Rwanda 2022" izaba taliki 20 kugeza 27 Kanama 2022.

Muri iki cyiciro hazitabira amakipe 10 aho yashyizwe mu matsinda abiri, itsinda A rigizwe n'u Rwanda, Tunisia, Maroc, Angola na Central Africa Republic na ho itsinda B rigizwe na Misiri, Algeria, Congo Brazzaville, Libya na Tchad.

Aha amakipe 6 ya mbere azabona itike yo kuzitabira imikino y'igikombe cy'Isi izabera mu Budage no mu Bugereki muri 2023.

**Urutonde rw'ikipe y'abatarengeje imyaka 18**

Abakinnyi 21 batangiye umwiherero ni Shema Prince (ES Kigoma), Mugisha Joseph (UR Huye), Ufitinema Moussa (ADEGI), Iryivuze Fiacre (Munyove HC), Niyoyita Aime Vedaste (ES Kigoma), Muhozi Jean De Dieu (Munyove HC), Mupipi Hakim Prince (ES Kigoma), Ndayishimiye Jean Pierre (ADEGI), Iradukunda Charles (Gorillas HC), Niyonkuru Karim (ADEGI), Uwase Moise ES Kigoma), Niyomugabo Ezekiel GS St Martin Hanika), Bazimaziki Jean Damascene (ADEGI), Niyonkuru Jean Paul (Munyove HC), Nshuti Olivier (GS St Martine Hanika), Kwizera Thierry (ES Kigoma), Sangwa Ukwibishaka Jean Delice (ES Kigoma), Muhire Jean d'Amour (ES Kigoma), Bavandimwe Stephen (ADEGI), Ibyimanikora Bernard (UR-Nyarugenge) na Minani Venuste (ES Kigoma).

Umutoza mukuru ni **Bagirishya Anaclet** yungirijwe na **Ngarambe François Xavier** naho **Mwiseneza Innocent** ni umutoza w'abanyezamu.

Hari n'abandi bazafasha abatoza ku mpande zombi barimo **Nzabanterura Didace** ushinzwe ibijyanye n'imibare "Team Statistician", **Byiringiro Cyrille** ushinzwe kongerera ingufu abakinnyi "Fitness Coach", **Mugwiza Philippe** (Umuganga) na **Iyamuremye Alfred** ushinzwe ibikoresho.

Imikino y'Afurika mu batarengeje imyaka 18 izaba ibaye ku nshuro ya 18 "U-18 African Men's Handball Championship Rwanda 2022" izatangira taliki 30 Kanama kugeza taliki 06 Nzeri 2022.

Iyi mikino izitabirwa n'amakipe 10 aho yashyizwe mu matsinda abiri, itsinda A rigizwe na Maroc, Congo Brazzaville, Libya, Uganda na Tchad naho itsinda B rigizwe n'u Rwanda, Misiri, Algeria, Madagascar n'u Burundi.

Aha makipe 5 ya mbere azabona itike yo kuzitabira imikino y'igikombe cy'Isi izabera muri Croatia muri 2023.



Ikipe y'igihugu ya Handball y'abatarengeje imyaka 20






Ikipe y'igihugu ya Handball y'abatarengeje imyaka 18



# **ARPST:** Imikino ya shampiyona y'Abakozi yarakomeje

Mu mpera z'icyumweru gishize, taliki 29 na 30 Nyakanga 2022, imikino ya shampiyona y'abakozi yarakomeje.

**Taliki 29-07-2022**

**Basketball**
- RwandAir 106-36 UR
- MOD 57-60 WASAC
- NISR 30-37 CHUB

**Volleyball**
- RRA 3-2 REG
- WASAC 3-1 REG

**Football**
- RDB 0-3 RBA
- REG 3-1 RMS
- RISA 4-4 MINECOFIN
- BRD 1-2 MININFRA
- IPRC 6-2 MYCULTURE

**Taliki 30-07-2022**

**Imikino y'ibigo by'abikorera**

**Basketball**
- Stecol 20-0 Bralirwa
- BK 115-52 I&M Bank
- IHS 49-63 BPR





RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave